RÉPUBLIQUE RWANDAISE

Butare, le 10 Avril 197

N° Indangamuco

MINISTÈRE DE L'EDUCATION NATIONALE

INSTITUT PÉDAGOGIQUE NATIONAL

B. P. 56, BUTARE, RWANDA

Son Excellence le Ministre
de la Jeunesse
KIGALI

A traiter par
Date entrée : 26.04.74
N° Classement : 239/10.08-03

Réf. :

Objet :

Sous/Couvert du Directeur
de l'I.P.N.

Mfizi

Excellence,

Au nom du groupe culturel "Indangamuco", j'ai l'honneur de vous adresser ses sincères remerciements pour les efforts que vous ne cessez de fournir pour le soutenir.

Je vous remercie également pour les deux représentations déjà faites sous votre haut patronage sans oublier votre aide matérielle et morale qui ont contribué à la réussite de celles-ci.

Excellence, suite à votre entretien verbal que nous avons eu lors de votre visite à l'Institut Pédagogique National, au mois de Février, vous trouverez en annexe l'ébauche du statut dont l'exemplaire complet vous sera transmis ultérieurement. Vous y trouverez également le matériel dont nous avons besoin.

Comptant sur votre paternelle intervention, je vous assure une fois encore une production plus efficace, intense et de valeur.

Veuillez agréer,Excellence, l'expression de mes sentiments très respectueux.

Pour Indangamuco

Le Responsable NSABIMANA Evariste

E. Nsabimana

## AMATEGEKO Y'INDANGAMUCO

Tumaze kubona ko ruzungu ikandamiza umuco wacu,
Tumaze kubona ko ibyiza by'umuco wacu bikihishe,
Tumaze kubona ko abenshi mu banyabwenge babenguka ruzungu aho kuba abanyarwanda bize,
Tumaze kubona ko dukwiye gufatanya tukavugurura umuco wacu,
Tumaze kubona ko haliho ibitabo bike byanditse mu kinyarwanda,
Twiyemeje gukora ibi bikulira :

### IGICE CYA I

Ingingo ya 1 : Hashinzwe inteko nyarwanda. Iyo nteko yitwa INDANGAMUCO. Ishinzwe n'abanyeshuli bo mw'ishuli likuru ly'uburezi ly'i Butare lyitwa I.P.N.

Ingingo ya 2 : Iyo nteko yiyemeje :

- kuvugurura umuco w'igihugu ukihishe
- kugaragaza uwo muco ikoresheje inyandiko, kugirango ubunereho gusagamba, iyo ikaba intwaro y'abashaka kuwamamaza.
- gucengeza mu mpuguke ko ali zo zikwiye kuwamamaza
- gukora ibitaramo byerekana kandi bikukunyura ibyo uwo muco uhatse. binononsora

Ingingo ya 3 : Inteko yanze rwose ko ruzungu ikandamiza umuco wacu.

### IGICE CYA II : INGANZO

Ingingo ya 4 : Inteko ivoma ibyo isanze mu murage wacu : ibyivugo, amazina y'inka, ibisigo, urulimi rusange, idini yacu.

Ingingo ya 5 : Inteko ikulikirana ihinduka ly'umuco wacu ikoresheje inyandiko.

### IGICE CYA III : UBUYOBOZI BW'INTEKO

Ingingo ya 6 : Inteko iyoborwa n'abantu bane :

- Umukuru wayo
- Umusimbura we
- Umunyamabanga
- Umubitsi

Ingingo ya 7 : Abayobozi b'inteko batorwa n'abayigize bose nta muhezo

Ingingo ya 8 : Abayobozi b'inteko batorerwa umwaka umwe. Itora liba mu ntangiliro y'umwaka w'amashuli.

Ingingo ya 9 : Umukuru w'inteko ashinzwe :

- guhagaralira inteko
- kuyishakira amasoko igomba gukuramo ibyo ikora
- kuyobora inama z'inteko no kuzitangira umwanzuro
- kubanira no kwuganira inteko mu yandi matorero
- gusohoza ibyifuzo by'inteko mu nzego nkuru z'ishuli no mu rwego rukuru rw'igihugu rushinzwe iby'umuco w'igihugu.

Ingingo ya 10 : Mwungilije umukuru w'inteko amusimbura igihe uyu adahali kandi amufasha gutunganya imilimo y'inteko.

Ingingo ya 11 : Umunyamabanga :
- abika inyandiko zose zerekeye ibikorwa by'inteko
- yandika ibivuzwe n'ibikozwe mu nama
- amenyesha igihe cy'inama abikoresheje inyandiko kandi abikuye ku mukuru w'inteko.

Ingingo ya 12 : Umubitsi :
- agomba kumenya no kubika umutungo w'inteko
- agomba gushaka no kugura ibyo inteko ikeneye, abinyujije ku mukuru wayo, ushobora kubigeza ku mukuru wayon, ushobora kubigeza ku bagize inteko iyo ali ngombwa.

Ibyatanzwe n'ibyaguzwe abisobanuza inyankiko.

IGICE CYA IV : AMATEGEKO AGENGA INDANGAMUCO

Ingingo ya 13 : Inteko yakira buli muntu wese ukunda iby'umuco wacu. Igihe abishatse yiyandikisha ku munyamabanga.

Ingingo ya 14 : Uje mu nteko agomba gukulikiza amategeko yayo

Ingingo ya 15 : Buli muntu uli mu nteko agomba gutanga umusanzu w'amafranga ijana. Ashobora kuyatangira limwe cyangwa mu byiciro bibili.

Ingingo ya 16 : Uwiyemeje kwinjira mu nteko ntacyo ayimaliye, adatanga umusanzu asezererwa ku mugaragaro.

IGICE CYA V : AMATEGEKO Y'INTEKO

Ingingo ya 17 : Inama z'inteko ziba kabili mu kwezi
Iya mbere mu cyumweru ya kabili cy'ukwezi, igategura ibyerekeye imigendere y'ibikorwa mu nteko.
Iya kabili iba mu cyumweru cya nyuma cy'ukwezi igahalirwa ibiganiro byateguwe biturutse kuli bamwe mu bagize inteko.

Ingingo ya 18 : Inama idasanzwe ishobora guterana igihe ali ngombwa.

Ingingo ya 19 : Indangamuco zishyira mu dutsiko zikulikije ubushobozi bwazo. Buli gatsiko gafite ukagenga, agasohoza mu mvugo cyangwa mu nyankiko, ibyagezweho.

Ingingo ya 20 : Umutungo w'Indangamuco ugurwamo ibikoresho inteko ikeneye.

IGICE CYA VI : UMWANZURO

Ingingo ya 21 : Inteko yavaho igihe itagifite abayigize.

Ingingo ya 22 : Inteko ishobora guseswa igihe inyujije ukubili n'imigambi yayo, bikanyuzwa mu majwi kandi bikemezwa na bitatu bya kane by'abayigize, bikamenyeshwa abayobozi b'Ishyirahamwe ly'abanyeshuli.

Ingingo ya 23 : Inteko ntigomba gucisha ukubili n'amategeko agenga ishyira hamwe ly'abanyeshuli.

N.B. - Inteko yifuza gufashwa cyane cyane mu byerekeye kumenya ibyo umuco wacu uhatse kuko ubumenyi bwacu ali nka ntabwo.
- Inteko yifuza gusagamba cyane cyane mu mashuli.

# I N D A N G A M U C O .

## I. I B Y O D U K E N E Y E .

1) Mu byerekeye gucukunyura umuco ukihishe .
   - Ibyuma bifata amajwi nibura bine
   - Impapuro
2) Mu byerekeye kugaragaza umuco mu mikino no mu bitaramo.
   " Kubandwa, ibitaramon imikino (théâtres)"

| | |
|---|---|
| 1 - Imyenda | 11 - Inkono z'itabi |
| 2 - Impu * | 12 - Amasunzu |
| 3 - Amacumu | 13 - Inanga |
| 4 - Imihoro | 14 - Imiduli |
| 5 - Ibyibo | 15 - Ibyembe |
| 6 - Ibirago | 16 - Inkoko n'intara |
| 7 - Ibinyuguli | 17 - Inzogera, umuheto, umutana, ingabo, intebe, imivure, imyuko, imidaho, amasimbi ........ |
| 8 - Amashyira y'abatabazi | |
| 9 - Ibibindi | |
| 10 - Ibicuma | |

* IMPU : - z'intama
- z'ihene
- z'imondo
- z'ibiharangu

## II. I B I T U B U Z A G U T E R A I M B E R E .

- Ibyo turonse tunanirwa kubyandikisha ni uko bigatakara.
- Imikino twanditse ntidushobora kuyiyandikishiliza .
- Kuva muli I.P.N. tujya gukina ahandi biratugora kubera kubura imodoka zihagije.
- Kutamenya imigabo Ministeri y'Urubyiruko ifite mu byerekeye umuco wacu kugirango tuboneze muli iyo nzira.
- Dusabye Ministeri y'Urubyiruko niba yaba ifite kudutiza ibitabo bivuga umuco wacu.
- Dusabye Ministeri y'Urubyiruko kujya idusobanulira inzira nziza wenda ibicishije mu njijuke mu muco wacu kugira ngo tutanyura ukubili kandi dusenyera umuzi umwe.

## III. I B Y O T U Z A K O R A M U L I U Y U M W A K A .

- Tuzakina umukino witwa "MBUZEHOSE" wanditswe na NSABIMANA EVARISTI. Uzakinwa kuva 11 Gicurasi 1974 i Butare.
- Tuzakora IBITARAMO ( inkera igizwe n'imidiho, inanga, indilimbo, ibyivugo ....... kuva 1 Kamena 1974 i Butare.

## IV. I B Y O T U Z A K O R A U M W A K A U T A H A .

- Mu gihembwe cya mbere tuzakina umukino witwa "INYOBERA" wanditswe na NTEZURUBANZA Léopold .
- Mu gihembwe cya kabili tuzakina umukino witwa "SURWUMWE" wanditswe na NSABIMANA Evaristi .
- Mu gihembwe cya gatatu tuzatereka imandwa kandi twifuzaga no kuba tumaze kwandika nk'agatabo k'ibitutsi.

INDANGAMUCO

Umuyobozi w'inteko : NSABIMANA Evaristi